



Ikiyamakuru ku miterere y'ibihe N°35/2016:

Taliki ya 11-20 Ukuboza 2016

Ryoherejwe kuwa 22 Ukuboza 2016

**Ingingoz'ingenzi:**

- o **Igiteranyo cy'imvura** yabonetse mu gihembwe cya kabiri cy'Ukuboza 2016; cyagaragaje imvura yiyongereye mu duce two mu gihugu hagati ndetse n'igice cy'amajyepfo y'igihugu. Ahandi hagaragaye imvura iri ku kigereranyo cyo muni cy'iyoy dusanze tubona mu gice cya kabiri cy'Ukuboza.
- o **Iyongera ry'ububobere bw'ubutaka** ryagaragaye mu bice byose by'igihugu; ububobere bwagiye muni y'ubwagaragaye mu gice cya mbere cy'uku kwezi k'Ukuboza usibye amajyepfo hagaragaye ubwiyongere buke
- o **Igihembwe cyanyuma cy'Ukuboza 2016**; hateganyijwe **igabanuka ry'imvura** mu bice byose by'igihugu


**I. Iriburiro**

ibice byinshi byo mu gihugu cyane cyane igice cy'amajyaruguru hagaragaye imvura iri muni y'isanze iboneka muri iyi muni y'igice cya kabiri cy'Ukuboza; igice cy'amajyepfo cyo cyagaragaje iri hejuru gato y'iyoy dusanze tubona kubera isanganiro ry'imiyaga yavaga mu majyepfo y'Uburengerazuba ndetse n'iyavaga mu majyepfo y'uburasirazuba yahuriraga muri aka gace izana ububobere bw'ibicu bitanga imvura muri ako gace.

- a) Imbonerahamwe zikurikira zirerekana ikigereranyo ku mvura yaguye mu gice cya kabiri cy'Ukuboza\_2016 ndetse n'imvura dusanze tubona muri iyo muni kuri buri bupimiro

**Igiteranyo cy'imvura kuri buri bupimiro (muri mm)**


Ubupimiro	Ukuboz a_11-20_2016	Ukub oza_11-20
Kigali	37.8	23.2
Rusizi (Kamembe)	57.7	40.8
Rubavu (Gisenyi)	9.8	29.5
Nyamagabe (Gikongoro)	32.7	46.6
Ngoma (Kibungo)	40.8	22.4
Gicumbi (Byumba)	10	28.7
Bugarama	24.4	50.3
Musanze (Ruhengeri)	6.9	26.5
Gitega	50.3	53.8
Rubengera	56.5	43.9
Byimana	37.1	30.4
Kawangire	12.5	29
Nyagatare	7.9	26.7




Igishushanyo1

b) **Ubusesenguzi ku mvura yaguye:** Ikarita zikurikira (iya **1&2**) zigereranya igiteranyo cy'imvura yaguye mu Ukuboza\_11-20\_2016; imvura isanzwe igwa muri iyo minsi. Naho Ikarita **3&4** zikerekana igiteranyo cy'imvura yaguye mu Ukuboza\_1-10\_2016 ndetse n'isanzwe igwa muri ayo mataliki.


**Ikarita ya1: Imvura yaguye (mm): Ukuboza\_11-20\_2016**




**Ikarita ya2: Imvura isanzwe igwa (mm): Ukuboza\_11-20**



**Ikarita ya3: Imvura yaguye (mm): Ukuboza\_1-10\_2016**



**Ikarita ya4: Imvura isanzwe igwa (mm): Ukuboza\_1-10**



**II. Uko imvura yaguye hirya no hino mu gihugu mu Ukuboza\_11-20\_2016 mu buryo burambuye**

Igiteranyo cy'imvura yabonetse mu gice cya kabiri cy'Ukuboza\_2016; cyagaragaje imvura yagabanutse mu majyaruguru ikaniyongera mu majyepfo (reba **Ikarita1&2**) naho igiteranyo cy'imvura yabonetse mu gice cya mbere cy'Ukuboza\_2016; cyagaragaje imvura yabonetse mu bice byose by'u Rwanda ku kigereranyo kingana (reba **Ikarita3&4**)

**a) Intara y'Iburasirazuba**

Uretse amajyepfo y'iyi Ntara ku bupimiro bwa Ngoma habonetse mm40.8 z'imvura; ahandi hose habonetse imvura iri muni y'isanzwe ihaboneka (reba **Imbonerahamwe ya1** ndetse n' **Ikarita1&2**)

**b) Intara y'Amajyaruguru**

Ubupimiro bwose buhagarariye iyi Ntara bwerekanye imvura iri muni y'isanzwe ihaboneka (reba **Imbonerahamwe ya1** ndetse n' **Ikarita1&2**)

**c) Intara y'Amajyepfo**

Imvura yaguye yagaragajwe n'ubupimiro bw'iyi Ntara iri ku kigereranyo cy'isanzwe iboneka muri iyi minsi (reba **Imbonerahamwe ya1** ndetse n' **Ikarita1&2**)

#### d) Intara y'i Burengerazuba


Uretse ubupimiro buri mu majyaruguru y'iyi Ntara (ubupimiro bwa Gisenyi) bwabonye mm 9.8 z'imvura; ubundi bupimiro bwerekanye imvura iri ku kigereranyo cy'isanzwe igwa kugeza hejuru (reba **Imbonerahamwe ya1** ndetse n' **Ikarita1&2**)

#### e) Umujyi wa Kigali

Mu mujyi wa Kigali uhagarariwe n'ubupimiro 2 (Gitega na Kigali) habonetse igiteranyo cy'imvura iri ku kigereranyo cy'isanzwe igwa (reba **Imbonerahamwe ya1** n'**Ikarita ya1&2**)

### III. Ingaruka ku Buhinzi

#### a) Ububobere bw'ubutaka (amafoto y'icyogajuru)



Igabanuka ry'imvura riri gutera ukugabanuka ku bubobere bw'ubutaka cyane cyane mu majyaruguru y'u Rwanda ndetse no mu gihugu hagati nkuko bigaragazwa n'**Ikarita 6**

Mu gice cya 1 cy'Ukuboza 2016; ho hagaragara ububobere bwinshi kurusha igice cyakurikiyeho ari cyo cya kabiri cy'Ukuboza 2016 kubera imvura yaguye kenshi mu gice cya mbere kurusha icya kabiri.

Mu gice cya 3 cy'Ukuboza 2016; hateganijwe imvura izagabanuka mu bice byose by'igihugu. Abahinzi barasabwa gushyira mu bikorwa ingamba zose mu gufasha imirimo yo mu mirima

#### Iteganyagihe ry'igice cya kabiri cy'Ukuboza 2016 (11-20)

Hateganijwe imvura izagabanuka cyane mu bice byose by'igihugu:

**Umujyi wa Kigali;** hateganijwe ibicu byiganje bizavamo imvura nke cyane.

**Intara y'Uburasirazuba;** hateganijwe ibicu byiganje bizavamo imvura nke cyane.

**Intara y'Uburengerazuba;** hateganijwe imvura nke mu bice byinshi by'iyi Ntara.

**Intara y'Amajyaruguru;** hateganijwe ibicu byiganje ndetse n'imvura nke.

**Intara y'Amajyepfo;** hateganijwe igabanuka ry'imvura henshi muri iyi Ntara; naho uburengerazuba bw'iyi Ntara bukazabona imvura ishobora kwiyongeraugereranyije n'utundi duce tw'iyi Ntara.

**N.B:** Iri teganyagihe rigomba kwifashishwa hagendewe kurisohoka buri muni (buri masaha 24), iry'iminsi itatu (3), itanu (5) ndetse n'iry'iminsi irindwi (7) ritangwa n'Ikigo cy'Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda)